

Ubufasha ku Babyeyi

Healthy Families America - NH

Ubufasha mu Kurera ku Miryango YOSE iri muri NF


Serivisi z'ubwoko bwinshi zitandukanye zirahari kugira ngo ziyobore zinatange ubufasha ku bagiye kuba ababyeyi n'ababyeyi b'abana bato mu gihe kibanza cyo kugira umuryango. Ibi birimo ibigo bya Healthy Families America – NH, Ibigo Byita ku Miryango, Serivisi zifasha Umuryango mu buryo Bwuzuye, Uburere bw'Ibanze bwa Kare, ikiburamwaka n'ibindi. Izi serivisi zose zifite itandukaniriro rito ariko zisangiye intego imwe yo kwita ku buzima bw'ababyeyi batwite, umusaruro wo kubara neza no gushyiraho uburyo bwizewe kandi butekanye ku iterambere ry'abana n'imiryango. Kumenya ibyerekeye Healthy Families America - NH n'izindi serivisi, sura www.HealthyFamiliesAmericaNH.org cyangwa uhamagare 2-1-1 NH.

Gufasha Imiryango Kwiteza Imbere

Healthy Families America – NH yatanze amahugurwa ku mpuguke zita ku muryango zisura imiryango mu ngo zayo cyangwa ahandi hantu umuryango ushobora guhitamo mu gutanga serivisi ishingiyeye ku bimenyetso yemewe mu gihugu. Ubushakashatsi bugaragaza ko isura ryo mu ngo ritangiye mbere yo kwibaruka bikanakomeza mu myaka mike ibanza y'ubuzima bw'umwana bigira ingaruka nziza ku bana no ku miryango.¹

Ubufasha Mbere & Nyuma yo Gutwita

Healthy Families America – NH ifasha imiryango ishobora kuba yibarutse bwa mbere, ababyeyi bakiri bato, ababyeyi bakoze mu gisirikare cyangwa imiryango ikeneye inkunga n'ubufasha bwisumbuye. Mu gihe impuguke mu bufasha bw'umuryango za Healthy Families America – NH batangira gukorana n'imiryango kuva igihe bamenyeye ko batwite kugeza umwana wabo agize imyaka 3, hari kandi indi mfashanyo y'umuryango no kongerera imbaraga serivisi zo gufasha imiryango. Sura www.NHHomeVisiting.org mu gushaka amakuru yerekeye serivisi zitandukanye za NH, ibisabwa n'aho dukorera.



**Guhura n'imiryango
aho iri,
mu ngo zayo &
mu mibereho yayo.**



¹ Gushora ubushobozi mu Bana Bato: Ikiguzi ndetse n'inyungu zo Gushora mu Bana Bakiri Bato muri New Hampshire, 2017. Raporo ya Rand Corporation.

Gufasha Umuryango Umwe icyarimwe

Healthy Families America – NH ikora isuzuma ku mikurire isanzwe y’umwana, umutekano n’ibijyanye n’indwara zo mu mutwe hamwe n’uburere bw’umubyeyi, ubufasha no guhuza umutungo. Buri gahunda ifite itandukaniro rito. Gahunda zimwe na zimwe zishobora gufasha mu kugeza abantu aho babonanira, guhuza urungano n’imiryango cyangwa ubufasha n’ibikore-sho by’abana.

Ubufasha aho Imiryango Ibukeneye, Igihe Ibushaka

Healthy Families America – NH irumvikana, igira ibanga, iraboneye kandi ni UBUNTU. Imiryango ihitamo ahantu n’igihe ishaka guhurira n’icyo gukoraho. Imiryango ishyikirizwa ubufasha bwihariye bw’umuryango n’amahugurwa ayifasha kugera ku ntego zayo zo kurera hashingiwe ku bushake bw’umuntu ku giti cye.

Buri gihe ku bushake, Si Itegeko

Imiryango yose muri Healthy Families America – NH ihitamo. Nk’umuterankunga, ushobora guhamagara kuri iyi gahunda mu gace kawe buryo butaziguye Birafasha cyane. Niba ukoze iby’ibanze kugirango igikorwa gitangire. Imiryango na yo ishobora gukora iyi gahunda mu buryo butaziguye.

Gukorana n’Abarwayi, Abakiliya n’Abaturage

Healthy Families America – NH ishobora gufasha imiryango:

- Gutegura uko wageza umwana wawe mu rugo umukuye kwa muganga
- Gutwita neza no kubyara neza
- Kwigirira icyizere nk’ababyeyi bashya
- Guhangana n’ibibazo byo kwita ku muryango
- Kubona amakuru yafasha umwana wabo kugira ubuzima bwiza.
- Kubona ibikoreshonk’ibikoresho by’abana
- Guhura n’abandi babyeyi
- Gusobanukirwa ibyo abana babo bakeneye
- N’ibindi byinshi!

Hamagara ubone Gahunda ikwegereye ya Healthy Families America - NH

Ibigo:

- Community Action Program
Belknap-Merrimack Counties, Inc.
603-528-5334 EXT 125
- Waypoint
1-800-640-6486 cyangwa 603-518-4000
- Ikigo Cyunganira Abaturage cya
Strafford County
603-435-2500

- Ikigo Mbenezamukurire cy’Umuryango
cya TLC
603-542-1848
- Ikigo Mbenezamukurire cy’Umuryango
603-466-5190
- Ikigo Cyita ku Buzima
& Serivise z’Imbereho Myiza
603-352-2253
- Granite VNA
603-832-8046

